Ijuru riri bugufi n'umwe muri mwe kuruta uko imishumi y'inkweto ze imuri bugufi, n'umuriro ni nk'uko

Hadithi yaturutse kwa Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana imwishimire) yaravuze iti: "Ijuru riri bugufi n'umwe muri mwe kuruta uko imishumi y'inkweto ze imuri bugufi, n'umuriro ni nk'uko."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko ijuru n'umuriro biri bugufi y'umuntu nk'uko imishumi ifunze inkweto iba iri bugufi ye, kubera ko ashobora gukora igikorwa Allah Nyir'ubutagatifu yishimira kikamwinjiza mu ijuru, cyangwa se agakora igikorwa cyo kugomera Allah cyaba impamvu y'uko azajya mu muriro.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3581